Yewe Bilali, tangaza ko iswalat itangiye, tuyiruhukiremo!

Hadith yaturutse kwa Salim Ibun Abil Dja'adi yaravuze ati: Umugabo umwe yaravuze ati: Iyaba nari nsayi nkaruhuka! Bamwe baba nkaho babimunengeye, maze aravuga ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: "Yewe Bilali, tangaza ko iswalat itangiye, tuyiruhukiremo!"
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Abu Dawudi]

Umwe mu basangirangendo b'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: Iyaba igihe cyo gusali cyari kigeze nkaruhuka, abari bamuri iruhande bamera nkaho babimunengeye, maze aravuga ati: Numvise Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ivuga iti: Yewe Bilali! Hamagarira iswalat (Adhana), unamenyesha abantu ko igiye gutangira gukorwa, kugira ngo tuyiruhukiremo, kubera ko harimo kwinginga Allah Nyir'ubutagatifu, no kuruhuka kwa roho n'umutima!

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/65095